



Higher Education Council
P.O. BOX 6311, Kigali-Rwanda

ITANGAZO RYO GUHAGARIKA UMUHANGO WO GUTANGA IMPAMYABUMENYI (GRADUATION CEREMONY) N'IBINDI BIKORWA BIJYANYE NO KWIGISHA MU ISHAMI RY' IYOBOKAMANA (FACULTY OF EVANGELICAL THEOLOGY, KIGALI - FATEK)

Ubuyobozi bw'Inama y'Igihugu y'Amashuri Makuru (Higher Education Council) buramenyesha abantu bose by'umwihariko abigira mu ishami ryigisha Iyobokamana (Faculty of Evangelical Theology, Kigali -FATEK), ry'Itorero rya Pantekote mu Rwanda (ADEPR), ko umuhango wo gutanga impamyabumenyi (graduation ceremony) z'icyiciro cya kabiri cy'amashuri makuru (Bachelor's Degree) wari uteganyijwe kuba ku wa 22/03/2019 kuri Dove Hotel, mu murenge wa Gisozi, Akarere ka Gasabo, wahagaritswe.

Ubuyobozi bw'Inama y'Igihugu y'Amashuri Makuru (Higher Education Council) yamenyesheje Ubuyobozi bwa FATEK ko icyemezo cyo guhagarika uyu muhango n'ibindi bikorwa byo kwigisha, cyafashwe hashingiwe ku biteganywa n'amategeko agenga amashuri makuru mu Rwanda, FATEK itubahirije.

Mu nama Minisitiri w' Uburezi yagiranye n' Umuvugizi Mukuru wa ADEPR n'Umwungirije, Umuyobozi wa FATEK n'Umuyobozi Mukuru wa HEC, ku wa 22/03/2019, FATEK yagiriwe inama yo kwegera HEC kugirango ibafashe kubahiriza ibiteganywa n'amategeko agenga amashuri makuru mu Rwanda.

Bikorewe i Kigali, ku wa 22/03/2019.

Dr. Emmanuel MUVUNYI
 Umuyobozi Mukuru

